MINISITERI Y'ABAKOZI BA LETA N'UMURIMO	REPUBULIKA Y'U RWANDA REPUBLIC OF RWANDA	MINISTRY OF PUBLIC SERVICE AND LABOR

INYANDIKO YEREKEYE KWIZIHIZA UMUNSI MUKURU MPUZAMAHANGA W'UMURIMO MU RWANDA, TARIKI 01 GICURASI 2016

I. IRIBURIRO

U Rwanda, kimwe n'ibindi bihugu byinshi ku isi, rwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umurimo buri mwaka ku itariki ya 01 Gicurasi. Kuri uwo munsi, Igihugu cyacu kiboneraho umwanya kurebera hamwe uko Umurimo ukorwa n'uruhare wagize mu Guteza Imbere Igihugu, cyane cyane tukibanda ku ngamba zo guhanga imirimo myinshi inoze kandi itanga umusaruro bigamije Guteza Imbere Imibereho myiza y'Abanyarwanda by'umwihariko y'Abakozi.

Mu rwego rw'Igihugu cyacu, **Insanganyamatsiko** y'Umunsi Mpuzamahanga w'Umurimo wa 2016 igira iti:

"Duteze Imbere Umurimo utanga umusaruro, Dushyigikira ba Rwiyemezamirimo mu Rubyiruko"

"Promoting Productive Employment by Supporting Young Entrepreneurs"

Intego rusange y'iyi nsanganyamatsiko igamije gukangurira Abanyarwanda bose cyane cyane Urubyiruko kugira ibitekerezo byo kwihangira imirimo myinshi inoze kandi itanga umusaruro, bashingiye ku ngamba n'uburyo bitandukanye Leta y'u Rwanda yabashyiriyeho. Ibyo bikaba byiyongera kandi ku mahirwe yihariye Igihugu cyacu gisanzwe gifite ajyanye n'imisingi itandukanye yubatswe irimo imiyoborere myiza, umutekano, gutanga amahirwe kuri bose, ibikorwa remezo bitandukanye birimo imihanda, amashanyarazi n'ibindi. Ibyo byose bikaza byunganira abasanzwe bashora imari yabo, kandi bikaba ari amahirwe ku bafite ibitekerezo byo kwihangira imirimo mu ishyirwa mu bikorwa imishinga yabo mu buryo buboroheye.